REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO: TB KICUKIRO
P.O.B: ...............................................
E-mail: ...............................................

**ICYEMEZO CY'URUKIKO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA**

**Umwaka wa 2023 Umunsi wa 06 w'ukwezi kwa Kamena**

Twebwe UWAMAHORO Marie Claire, umucamanza mu rukiko rw'ibanze rwa KICUKIRO, dufashijwe na UMUTONIWASE Josiane, umwanditsi muri urwo rukiko,

Tumaze kubona ko **Natacha Shadia KABATESI** mwene Mugisha Alain na Namigadi Florence utuye mu Mudugudu wa Akabeza, Akagari ka Urugarama, Umurenge wa Gahini, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba, yakurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa wihishe ubutabera,

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'itegeko No 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganya ko :" Iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga, Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe. Nyuma yo gushyikirizwa dosiye, urukiko rufata icyemezo kimutegeka kwitaba mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko";

Ndetse no ku biteganywa n'ingingo ya 161 y'iryo tegeko iteganya ko : "Mu gihe cy'iminsi umunani (8) icyemezo kivugwa mu ngingo ya 160 y'iri tegeko kimanikwa ahabigenewe ku rukiko rwagifashe kandi kigatangazwa mu gitangazamakuru cyemejwe n'urukiko"

Dutegetse ko azitaba kuwa 12/12/2023 saa tatu, ku cyicyaro cy'urukiko rw'ibanze rwa KICUKIRO kugira ngo aburane urubanza RP 01429/2022/TB/KICU akurikiranyweho n'ubushinjacyaha icyaha cyo kwiba.

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'ikirenga mu gihe cy'iminsi 8.

Bikorewe Kicukiro, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**UMUCAMANZA**

**UWAMAHORO Marie Claire**

**UMWANDITSI**

**UMUTONIWASE Josiane**